

UMURYANGO W'ABIBUMBYE



Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora
Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urubanza N°: MICT-13-38-T

Itariki: 11 Mata 2025

Umwimerere: Icyongereza

URUGEREKO RWA MBERE RW'I REMEZO

Abacamanza: **Iain Bonomy, Perezida**
Mustapha El Baaj
Margaret M. deGuzman

Gerefiye: **Abubacarr M. Tambadou**

Itariki: **11 Mata 2025**

POROKIRERI

aburana na

FÉLICIEN KABUGA

INYANDIKO ITARI IBANGA

ITEGEKO RISHYIRaho ITARIKI Y'INAMA NTEGURARUBANZA

Ibiro bya Porokireri

Serge Brammertz
Rashid S. Rashid
Rupert Elderkin

Avoka wunganira Félicien Kabuga

Emmanuel Altit

URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO rw'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha (“Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo” na “IRMCT”, uko bikurikirana) ruburanisha uru rubanza¹;

RWIBUTSA KO, muri Nzeri 2023, urubanza rwa Félicien Kabuga rwasubitswe mu gihe kitazwi hashingiwe ku Cyemezo kigumishaho icy'Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo kivuga ko ubuzima bwe butatuma akomeza kuburanishwa kandi bishoboka cyane ko atazongera kugira ubwo bushobozi²;

RWIBUTSA KO, mu gihe hagitegerezwe ko ikibazo cyerekeranye no gufungura Kabuga by'agateganyo gikemuka, akomeje gufungirwa muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye, aho yashyiriweho gahunda y'isuzumabuzima, hashingiwe ku Ngingo za 59, 67 na 68(A) z'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso (“Amategeko”), kandi ko rwategetse ko hazakomeza kujya haba inama ntugurarubanza nyuma ya buri minsi 120³:

RWIBUTSA KO, ku itariki ya 17 Ukuboza 2024, rwahinduye gahunda y'itangwa ry'amaraporo y'Ubwunganizi maze rukabutegeka gutanga, vuba bishoboka, amaraporo agaragaza ibyo bwakoze mu rwego rwo gushaka igihugu bubona gikwiye gishobora kuzakira Kabuga namara gufungurwa by'agateganyo, mu gihe hari ikintu gikomeye kibaye⁴;

¹ Reba Itegeko ryerekeranye n'Abacamanza bagize Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo, 15 Kanama 2023, paje ya 2. Reba n'Itegeko rishyiraho Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo, 1 Ukwakira 2020, paje ya 1. Itegeko rishyiraho Umucamanza usimbura undi rikanashyiraho Umucamanza w'ingoboka, 26 Kanama 2022, paje 1, 2. Icyemezo gishingiye ku Ngingo ya 19(E) y'Amategeko, 10 Mutarama 2023, paje ya 1; Reba Itegeko rishyiraho Umucamanza w'ingoboka, 16 Mutarama 2023, paje 1, 2.

² Icyemezo gisubika urubanza mu gihe kitazwi, 8 Nzeri 2023 (“Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Nzeri 2023”), paje 2, 5. Reba, muri rusange, n'Ikindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa, 6 Kamena 2023; *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-AR80.3, Icyemezo ku bujurire ku Kindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa, 7 Kanama 2023.

³ Reba Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Nzeri 2023, paje 2, 5. N'ubwo inama ntugurarubanza ikurikiyeho yagombaga kuba hafi y'itariki ya 9 Mata 2025, ababuranyi bumvikanye ko yazaba mu ntangiriro za Gicurasi. Ibyo Umunyamategeko Mukuru w'Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo yabivuganyeho n'ababuranyi, hifashishijwe imeyiri, ku itariki ya 2 Mata 2025.

⁴ Itegeko rihindura gahunda y'itangwa ry'amaraporo agaragaza ibimaze gukorwa ku byerekeranye n'ifungurwa ry'agateganyo, 17 Ukuboza 2024, paje 1, 2 (“Itegeko ryo ku itariki ya 17 Ukuboza 2024”). Mbere yaho, Ubwunganizi bwatangaga amaraporo buri byumweru bibiri bumenesha Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo ibyo bwakoze mu rwego rwo gushaka igihugu gishobora kuzakira Kabuga namara gufungurwa by'agateganyo. Reba Raporor igaragaza ibimaze gukorwa ku byerekeranye n'ifungurwa ry'agateganyo rya Félicien Kabuga ya 31, itanzwe hashingiwe ku Itegeko ry'Urugerekko rwa Mbere rw'Iremezo ryo ku itariki ya 25 Nzeri 2023, 11 Ukuboza 2024 (Inyandiko y'umwimerere iri mu gifaransa yatanzwe ku itariki ya 9 Ukuboza 2024; inyandiko y'ibanga) (“Raporor igaragaza ibimaze gukorwa, 9 Ukuboza 2024”). Reba n'Itegeko ryo gutanga amaraporo agaragaza ibimaze gukorwa ku byerekeranye n'ifungurwa ry'agateganyo, 25 Nzeri 2023, paje 1, 2.

RWIBUTSA KO inama ntegurarubanza yabaye ku matariki ya 13 Ukuboza 2023, 26 Werurwe 2024, 24 Nyakanga 2024 na 11 Ukuboza 2024⁵;

RWIBUTSA KO, ku matariki ya 18 Mutarama 2024, 29 Gashyantare 2024 na 27 Gicurasi 2024, rwatanze Amategeko n'Ibyemezo, by'ibanga, byerekeranye n'ubusabe Kabuga yagejeje ku bihugu binyuranye abisaba kuzamwakira nk'umuntu uregwa wafunguwe by'agateganyo⁶;

RUMAZE KUBONA KO Amaraporor y'isuzumabuzima ahuriweho yakozwe n'itsinda ry'impuguke mu by'ubuvuzi zigenga zashyizweho n'Urukiko ("Impuguke") yatanzwe mu nyandiko z'ibanga ku itariki ya 23 Kanama 2024 n'ya 18 Gashyantare 2025, aho zemeza ko ubuzima bwa Kabuga bukomeje gutuma atashobora kuburanishwa kandi butatuma akora urugendo⁷;

RWIBUTSA KO, ku itariki ya 16 Ukuboza 2024, rwatanze Itegeko ry'ibanga, aho rwategetse Gerefiye gushyiraho indi mpuguke mu by'ubuvuzi yigenga kugira ngo itange raporo yanditse ivuga ku ngorane gutwara Kabuga mu ndege bishobora gutera ku buzima bwe bw'umubiri n'ubwo mu mutwe⁸, kandi ko Gerefiye yashyizeho iyo mpuguke ku itariki ya 29 Mutarama 2025⁹;

⁵ Inyandikomvugo y'iburanisha, 13 Ukuboza 2023; inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Werurwe 2024; inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Nyakanga 2024; inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Ukuboza 2024. Reba n'Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 8 Ugushyingo 2023, paje ya 2; Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 7 Werurwe 2024, paje ya 2; Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 5 Kamena 2024, paje ya 2; Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 23 Ukwakira 2024, paje ya 2.

⁶ Reba Itegeko ryo gutanga imyanzuro, 18 Mutarama 2024 (Inyandiko y'ibanga), paje 1, 3; Icyemezo ku Cyifuzu cy'Ubwunganizi gisaba ko, hashingiwe ku Ngingo ya 28 ya Sitati, hatangwa itegeko ryo gufungura by'agateganyo Uregwa, 29 Gashyantare 2024 (Inyandiko y'ibanga; inyandiko itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, yatanzwe ku itariki ya 3 Kamena 2024), paje 1-6; Icyemezo ku Cyifuzu cy'Ubwunganizi gisaba ubufasha, 27 Gicurasi 2024 (Inyandiko y'ibanga), paje 1-3.

⁷ Imyanzuro ya Gerefiye yerekeranye n'"Icyemezo cyerekeranye no kumenya niba Félicien Kabuga ashobora kuburanishwa, kwimurirwa Arusha no kuhafungirwa" cyo ku itariki ya 13 Kamena 2022, "Ikindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa" cyo ku itariki ya 6 Kamena 2023, "Icyemezo gisubika urubanza mu gihe kitazwi" cyo ku itariki ya 8 Nzeri 2023 n'"Itegeko ryo gutanga imyanzuro" ryo ku itariki ya 22 Nyakanga 2024, 18 Gashyantare 2025 (Inyandiko y'ibanga, ifite Umugereka na wo w'ibanga), Umugereka, paje 6972, 6971: amanomero yashyizweho n'Ibiro bya Gerefiye. Imyanzuro ya Gerefiye yerekeranye n'"Icyemezo cyerekeranye no kumenya niba Félicien Kabuga ashobora kuburanishwa, kwimurirwa Arusha no kuhafungirwa" cyo ku itariki ya 13 Kamena 2022, "Ikindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa" cyo ku itariki ya 6 Kamena 2023, "Icyemezo gisubika urubanza mu gihe kitazwi" cyo ku itariki ya 8 Nzeri 2023 n'"Itegeko ryo gutanga imyanzuro" ryo ku itariki ya 22 Nyakanga 2024, 23 Kanama 2024 (Inyandiko y'ibanga, ifite Umugereka na wo w'ibanga), Umugereka, paje ya 6645: nomero yashyizweho n'Ibiro bya Gerefiye. Reba n'inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Nyakanga 2024, paje ya 8.

⁸ Itegeko ritegeka ko hakorwa irindi suzumabuzima rikozwe n'impuguke mu by'ubuvuzi yigenga, 16 Ukuboza 2024 (Inyandiko y'ibanga) ("Itegeko ryo ku itariki ya 16 Ukuboza 2024"), paje 3, 4.

⁹ Imyanzuro ya Gerefiye yerekeranye n'"Itegeko ritegeka ko hakorwa irindi suzumabuzima rikozwe n'impuguke mu by'ubuvuzi yigenga" ryo ku itariki ya 16 Ukuboza 2024, 4 Gashyantare 2025 (Inyandiko y'ibanga, ifite Umugereka na wo w'ibanga), igika cya 3.

RWIBUTSA KO rwiteze ko raporo y'impuguke, y'ibanga, yerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Kabuga bwatuma akora urugendo mu ndege, izatangwa bitarenze ku wa Kabiri, tariki ya 22 Mata 2025¹⁰;

RUMAZE KUBONA KANDI KO, kugera ubu, nta gihugu mu byo Kabuga yavuze ko yifuza kujuamo cyemeye kumwakira¹¹, kandi ko, kuva rwananga Itegeko ryo ku itariki ya 17 Ukuboza 2024, Ubwunganizi butararuha amakuru mashya ayo ari yo yose yerekeranye n'ibyo bwagezeho ku bijyanye gushaka igihugu kizakira Kabuga namara gufungurwa by'agateganyo;

RUMAZE KUBONA KO, kugira ngo rushobore gusuzuma, mu buryo bwihuse, ikibazo cy'ifungurwa rya Kabuga, byarugirira akamaro kumva icyo ababuranyi bavuga ku bibazo ibyo ari byo byose ubusanzwe bisuzumwa mu nama ntegurarubanza ikorwa hashingiwe ku Ngingo ya 69(A) y'Amategeko, no ku kibazo icyo ari cyo cyose cyerekeranye no kuba Kabuga yafungurwa by'agateganyo;

RUMAZE KUBONA KO, hakurikijwe uko ubuzima bwe bwifashe, Kabuga ashobora gukurikirana iburanisha hakoreshejwe ikoranabuhanga ry'amajwi n'amashusho, aramutse abyifuza;

KUBERA IMPAMVU ZIMAZE KUVUGWA,

RUTEGETSE KO ku wa Kane, tariki ya 1 Gicurasi 2025, saa munani z'amanywa, hazaba inama ntegurarubanza, mu cyumba cy'iburanisha cy'ishami rya IRMCT ry'i Lahe.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 11 Mata 2025,

[Umukono]

I Lahe, mu Buholand.

Iain Bonomy
Perezida

[Kashe ya IRMCT]

¹⁰ Ku itariki ya 7 Werurwe 2025, Urugerekero rwa Mbere rw'Iremezo rwatanze Icyemezo cy'ibanga cyerekeranye n'ishyirwa mu bikorwa ry'Itegeko ryo ku itariki ya 16 Ukuboza 2024, kandi rwiteze ko raporo y'impuguke, y'ibanga, izatangwa bitarenze ku wa Kabiri, tariki ya 22 Mata 2025. Reba Icyemezo ku Myanzuro ya 2 ya Gerefiye yerekeranye n'Itegeko ryo ku itariki ya 16 Ukuboza 2024, 7 Werurwe 2025 (Inyandiko y'ibanga), paje ya 6; Itegeko ryo ku itariki ya 16 Ukuboza 2024, paje ya 4. Reba n'Inyandiko ya Gerefiye imenyekanisha ko yubahirije "Icyemezo ku Myanzuro ya 2 ya Gerefiye yerekeranye n'Itegeko ryo ku itariki ya 16 Ukuboza 2024" cyo ku itariki ya 7 Werurwe 2025, 24 Werurwe 2025 (Inyandiko y'ibanga).

¹¹ Nk'urugero, reba inyandikomvugo y'iburanisha, 11 Ukuboza 2024, paje 6-9; Raporoo igaragaza ibimaze gukorwa, 9 Ukuboza 2024.